ukigisha n'abandi waba iki rwose ? Dore aho waba ufitiye n'amahirwe, wajya wigisha utaha iwanyu, ubwo ukaba ukuyeho ibyo guhihibikanya bya buli cyumweru ngo uje gusura ababyeyi. Iyo uza gusaba mbere umwanya wo kwigisha kandi ukaba warasabye hafi uba warabonye umwanya numva bavuga ko abakobwa batabajyana ikindi gihugu. None urasheze yewe sinzi n'icyo ushaka. Wenda nyoko we waba warabimubwiye. (arebe Nyinawabana) Hali icyo yaba yarakubwiye ra ? Jye ko ndora nagiye iruhande.

NYINAWABANA : Ego mwa baheka mwe iminsi itarabamara ! Cyose Rutika, iby'amashuli n'abiga mhuliye he nabyo ko ayanjye nayarangije rugikubita. Ntacyo mbiziho da ! No kumenya ko yarangije ni wowe mbyumvanye. Se aho none ntiwabaye Bavuga menshi, aho uzi neza umwuga yigiye ? Aliko ubwo uba mu gipadiri wenda waba ushibuzayo akenge ntuhwanye natwe twihereye mu giturage. Cyangwa ulinda umbaza si nguwo muli kumwe ntumwibalize. Naho urambaza se mhuliye he n'ibigaruka !

RUTIKANGA : Niko se Kole ? Koko ndibeshya se ntabwo wigiye kwigisha ? Cyangwa ntubishaka ukaba wishakira akandi kazi karuta ako kwigisha. Bitihi se ukaba wishakira gukomeza amashuli ? Bajya baca umugani ngo ibyinshibyotsa amatama. Wagumana icyo ushyikiliye maze ukagubwa neza. Cyangwa ni bya bindi byateye ngo ntawapfa atageze i Burayi ! Mwana wanjye ibyo ntibihira bose .

KOLETA : Papa, erega mwe mulikuliye ibyo ntacyo bibabwiye. None se urumva wagereranya kurya ingwa ubuzima bwawe bwose no kujya i Burayi ukazagaruka mu Rwanda usigiye na madamu bitihi se ugakubitana n'igituku cyagukebuka ukengerana ukagitwara umutima nticyijane kugutunga maze ukaba utanye n'ubutindi. Ngo nigiye kwigisha ibyo se hali icyo bivuze ! Nindamuka ntangiye kwiga i Burayi cyangwa se ahandi hahasumba ntaho nzajya. Naho ibyo kwigisha sinabirota mu nzozi. Iyo nirebye mbona atalicyo naremewe. Hali abagenewe uwo mulimo yewe ! (ahaguruke) mbese ndinda kwigisha nshaka iki ? Akazi ko mu biro karabuze ? Umva mfite ikizakampesha, ndetse n'ubu byarakerewe kandi sindahaguruka ngo njye kugashaka. Ninshyire umutima hamwe mbiberewemo na benshi kandi babishoboye. Naho kwigisha, iyo mbishaka mba naratanze n'abandi bose. Nsabumuremyi ni ugupfa kuntera imboni agahita ambonera umwanya. Naho babandi bo hasi sinali kubavugisha.

.../...

RUTIKANGA : Cyose Nyinawaba? Ubwo wasubizayo iki? Ni koko ufite icyo abunza bwira aguze. Aliko lero ngo wilingira ijosi likakubyalira umwingo. Niba se hali icyo wihekeje cyakwemeza ko udashobora kubura akazi, wataye ufashe nk'ubwalimu maze iyo mhigi yawe ikazaguhesha ako ushaka aliko utagombye kubanza kwicara. Mbese ntabwo uzi ko kwigisha ali umulimo ushimisha umuremyi cyane. Uretse n'amafranga waharonkera n'inema zitagira uko zingana. Rero mbona mwebwe mwihambira kuli iyi si ukaba wagirango uretse ubu buzima bwo ku isi nta bundi bubaho! Uko mbabona, umuntu yagira ngo mu mashuli makuru mwiga kurwanya Imana na Kiliziya. Di, wakwibuza uburyo wagira ute, icyo Imana yakugeneye kiraho.
Rero ngo ufite icyizere! Di igikeli cyabaye ku kizere maze izindi nyamaswa zijya gufata imilizo naho cyo : "ni marume uyitanga nzajya kuwufata igihe mbonye".
Ni uko gikunyira uko kibonye kigezeyo gisanga imilizo yarashize.
Uzitegereze ntawo giteze kuzagira, habe n'itinze izima. None rero mwana wanjye, ntawakwilirwa agira icyo avuga. Ko wumva se abize alibo bazi ubwenge. Uzakore uko bigushobokeye wo gatunga we.

NYINAWABANA : Aliko najyaga numva abakuru bavuga ko nta kinanirimana cyananiye n'ababyeyi. Nyamara ubwo wali uvuze ni uko ab'ubu batumva. Erega njye nagumye kumva Koleta yitsa ijambo ngo afite icyo yishingikilijeho aliko jye sinzi n'icyo ali cyo. Umutima mwiza se arusha abandi, iki se? Nta mutima ntawo urakajya aho nashyize. Washakirwa he se n'utwo twambaro tw'uducece tudahishe intege. Ko umukobwa yagirwaga no guhisha intege maze abahungu bakamucambirwa bataramurungurutse! None ahubwo abahungu nibo basigaye bahisha intege nkaho ali bo bafite amaliboli bahisha. Jye ubwo mwumva iyi ngoma iranyobeye. Mwana wanjye ntawikunga ahubwo akungwa na rubanda; none niba hali n'icyo uzilikana ko urusha abandi, wareka kikavugwa n'abandi. Naho kwirirwa ubunza akarusho ubonye ubunza umunyu wabuze abaguzi, si iby'i Rwanda. Kera kose umukobwa yahoze yumvira se na nyina maze akazaba umutegarugoli wiyubashye yarabitangiliye iwabo. None ruzungu izunguye umuco w'igihugu wateraga abari kuba abari nyakuli basigaye ali ibihilihimve iyo ubarebye mu byerekeye umuco. Uwo muco murawucira iki ko ufite agaciro rwose !

...../...

KOLETA : Aliko ubwo harya ni jye mubwira gusa! Mbese muragira ngo mbabwire nsare! Ntitukili ku ngoma ya Rwogera na Gahindiro, tuli mu gihugu gihumutse, gituma umwari ahumuka akanahuguka ntahere mu ziko. Ntiyikube iyo mu mukubo ngo yitaze ikubura; ahubwo ubu arora hanze agaharanira igihugu mu bwenge bwe bwose. Aliko papa uzi ko usetsa cyane; ko se ukuraho kwizera harya wowe wizera ubikura ku ki? Mu gihe wizera Imana! ko nizera undeba kandi ugira icyo ancaho, wowe se Imana, niba inaliho da, urayizera hali icyo igucaho? Harya ngo igira imbabazi? Yewe nayo yararushye. Aliko jye uretse no kundeba, no gutekereza ku ruhanga rwanjye byamuha ibitotsi. Nimugane Imana mwe mugira icyo muyisaba naho twe no kuyitekereza turayirenze. Iliho italiho ni akazi kayo! Icyakora niba iliho ntacyambuza kuyishimira ubu buranga. Nawe mama ngo niduhombeke; uhombeka kera bikakuviramo guhuma. Umuco w'igihugu niuw'igihe tulimo naho icyo twataye cyaratakaye? Ntimuli twebwe natwe ntituli mwe, tuli mu majyambere ya Ruzungu aya Kinyarwanda turayarenze. Ubu ni Ruzungu ifashe ijambo abambaye injamba nimwijure. Mumenye ko ubupfura atali ugupfundikira inkono cyangwa se koza inkôko. Ibyo bigenewe abo twita ababoyi. Aliko se mama, waba ufite uruhanga uru rw'uruhanika ukaruhozaho ivu ugira ngo birahuye ? Ibyo ni iby'ibivulivundi bihora bivumbaraye mu ziko nk'uko Imana iba yarabizitse. None ngaho uli maliboli, bati teka kandi ugabure! No kurya binyanduliza amenyo ni uko ali agahato k'iteka. Ngaho mbwira ili zuru ry'umutali, naba nsohotse ndihomye ivu ntibamvumbureho uburanga. None umukecuru umaze iminsi ati: "hisha izo ntege zawe". Cyose mukecuru wikuliye, ntuzi aho umusore arora agasukuma bikamutera gusuka ijambo igitima cyahindutse nk'igishanga cyose cyabaye tingitingi. Tureke mubyeyi tuli ab'ubu; tureke uburanga buduhe isheja twishengulire abahungu.

Incredible speech from a girl to her parents.

NYINAWABANA : Muko! uragwe amazi ntugwe urubura! Cyose ma! Uwaba Bwiza bwa Mashira ya Sabugabo butashiraga irora n'irongora ntibushire ikwa n'ikoranura ntiyacisha bugufi akamenya ko uburanga atali bwo mutima. Cyose nyagucwa? hali umwiza wabuze inenge Nyirahuku yo ntigira amabinga. Ego muzigaba ku mutwe! Mama we! N'uwaba asa na NYIRAMAVUGO ya Gaga yakora nk'abandi icyo nticyatuma yigira akali aha kajya he? Se nyabu, ugira ngo uburanga ni umugisha! Awi da! ahubwo bwagukurulira umuruho mba nambuye uwambyaye. Ntacyo bumaze. Waba mwiza utaba

.../...

mwiza ni ugupfa mugahambwa mu gitaka. Ntawe uzahambwa mukirere. Ntihaba ubwiza haba umutima nyabusa. Umutima utuma utunganyiliza umugabo maze urugo rukagendwa n'umwana, rukagendwa n'umugore, rukagendwa n'umugabo. Mbese rukaba urugo rw'ingenda bantu.

KOLETA : (arakaye) Ntaralinda kubaka urwanjye se uru rwo rugendwa na bake! Aho ntugira ngo ni wowe baba baje kurora? Mama, nturabona abasilimu buzuye uru rugo? Niba ali urugo rw'ingendabantu ushaka, hera kuli uru. Ibyo bikwereke rero ko umutima w'umugore utuma urugo rugendwa n'abatindi naho uburanga bugatuma rugendwa n'abasilimu. None se mama hali umusilimu usukuye utarabona muli uru rugo ? Uretse ko ungaye umutima nizeye ko unshima uburanga. Harya ngo mbuze umutima, ndakawubura aliko nibere urunyenyeli mu bakobwa.

RUTIKANGA : Nyinawaba ! noneho ntiwabyaye wataye umwana ufata ingobyi, mbese wililiwe mu nzu ubusa. Cyose Kole ? ubwo ntiwumva ko ibyo uvuga bibuze kuba byerekeye Imana bikabura no kuba byerekeye umuco w'igihugu. (ahagurukе arakaye)

Mwabuze agaciro mwanze Rukunganshuro wamhaye inka imbamba imaze gushira. Koko ngo utazi ubwenge ashima ubwe. Ubwo wenda aho warajonjokewe uzi ko hali ijambo wavuze. Mbega umupfu w'umukobwa mureke wa wundi ngo wabonye ibicu birenga ngo dore iwabo baramutuye.
Cyose (agendagende) Harya ngo walize, wize se iki ? Icyo wize ni ubushizi bw'isoni. Wize kwanga Imana witoza kubunza akashize ngo ni uburanga. Icyakora uzi gushemuka mu basore. Harya ntabwo wumvise ya ndilimbo balirimba kuli Kajanja ? Rero uyibwiwe n'iki ko uzi kwirya gusa "Bati ntakarate iryo zuru n'imbwa y'inzungu iraligira"! None uti ndi mwiza, nta bwiza bwawe uli Nyirabihobirenga gusa.
Nk'uko iyo mbwa iryo zuru ryayo litayibujije kuba imbwa nawe niko iryo ryawe litazakubuza kuba icyohe.
Yewe ntilizakubuza no kuruha. Ngo abasore barakurora bikimeza ! Yewe kutaba umusore we ! Nagukoreye porotike maze bakakwereka igihandure bose uko bangana nuko ugasigara ulira imboga mu ruho. Haa... nzaba ndora ma1 Kandi uzabyibonaho? Ngaho Imana ntacyo uyishakaho yaguhaye ubwiza kandi burahagije ? Niko wa gishwi we iguteye gashitu ntiyagushitagura maze ugasigara uli igiporoporo ? Mbese nta bandi bakobwa munganya ubwiza ndetse banabukurusha aliko bifata neza?

N'ikimenyimenyi uzandebere Anamaliya uliya; mu buranga
ee ntagutema wa ntanga mbi we ? Aliko bwahuye n'umutima
mwiza none Anamariya yitwa igitego mu bantu. Naho wowe
wibereye igitano watanye n'umutima. Usigaye uli uruhu
n'icyo rutwikiliye. (yicare yubike umutwe akanya) Usigaye
uli macinya yaciye ibintu nta muntu n'umwe ukigucira
akali urutega. Anamariya rwose yifata kinyarwanda maze
ugasanga ali umwari ukwiye iryo zina. Imana imbabalire
kuko mvuze ibi bigambo byose. Aliko unteye intimba
itazigera imva ku mutima. Nako unteye agahinda rwose
katagira ingano.

KOLETA : Ubwo uzi ko utakintegeka ?

NYINAWABANA : Cisha make muko ! cira mu gacuma haryoha ururaye. Uliya
ni so kandi yaguhanaga. Mbese ye, wowe ushyize mu gaciro
ubona iyo ali imyifatire y'umukobwa ? Ndabyumva ugomba
kugira icyo urusha abandi basanzwe aliko se gukabya
nyabu! Kwilirwa ulirimba ko uli mwiza bikumaliye iki ?
Ko atali wowe wirambagiza cyangwa ngo wirange. Urabizi,
ntugirengo abasore b'ubu n'ibicucu nibamara kuguhaga
bazasanga uli mubi. Kandi urashaka kuzaba inkozi y'ibibi
nta kindi ushaka. Mwana wanjye watuje ugatereza maze
ugatuza ugatunganirwa ukazabona abasore baza bagusanga.

KOLETA (arakaye cyane)
Mwamaze ayo guhera ku mubande maze ibindi mukabyihorera!
Ntabwo nibaza n'aho muhera kugirango muvugane nanjye?
Abantu mutazi gusoma ngo mumenye imyifatire y'umukobwa
uzi ko ali mwiza nk'ubwo muralimanjwa mu biki ? Ntabwo
muramenya ko habaho irushanwa ry'abakobwa beza maze
ubabimburanye mu bwiza akabatwara igikombe n'uko akaki-
gendera igihe kirekire. (ahaguruke agendagende)...
Mbese ukajya usanga agaragiwe n'abahungu nk'uko inzuki
zigaragira urwiru. Nimushyire mu matwi mwumve akamaro ko
kuruta abandi. Abantu mutarabona Senema ngo mwibonere
aho umuzungukazi akoresha uburanga yerekana agaciro
kabwo muravuga iki ? Buli muntu agira ingabire yahawe
n'umuremyi. Iyo umuntu azi ubwenge agomba kuyibyaza
icyayivamo cyose. Agomba kuyicukunyura akayinyuza
mu bwenge akayivuza agaciro kazamucisha mu bandi. Kandi
sintinya kubivuga nababwiye ko ali ruzungu igomba kutu
yobora. None nanjye nahawe kuruta bose. Ngomba rero
kwamamaza uburanga. Se aho si ishyali mugira kuko ruzu-
ngu yabaciye iruhande ? Twarabasize nimusambe musanga

.../...

Mikimanyiseswa [illegible]

[illegible]

[illegible]

[illegible]

ibisigaye naho twe duhagurukire ibisigaye imbere. Kutiga bituma umuntu ahera mu kijiji maze akonzwa n'urujijo. Mugomba kumenya ko umuntu agira byinshi maze ikibisumbye akaba alicyo ashyira imbere. None jye mfite uburanga, ngomba gukora uko nshoboye kugirango bundangweho. Ngomba gufata abahungu ngashyira kumunzani ngapima ubaye injegajege nkamujangura. Ngo ndirata, utirata, ni ushaka icyo yarata akakibura. (Yicare).
Reka kandi aba alijye mumenya ni uko nahamyekuba ilibagiza mu bakobwa. MBese ntimurumva aho abaturagekazi babyina ? None nanjye ndareba ngasanga ndi "Kaliza, kaliza abasore n'abo abasaza bagata inkonda " . None muranyihaye, amahoro rwose ndabisabye Maliboli. Umva mwebwe ndabarenze ku buryo bwose. Mu bakobwa ndi ku ihanika none muliha kunyamagilira. Induru zanyu ndaziyamye unkulikirana alibwire (Arebe se) Kugufungisha ntibingoye. Aho uzi Kowiseli ukuntu ankunda ! Musabye ikintu ntibyangora. None uliyimbire naho ubundi wagatora.

NYINAWABANA : Aka ni agahano muzigaba! cyose bakobwa bakwowe uru Rwanda rurajyahe ? Erega si ukubyara twararondobeje. Harya ngo aya niyo majyambere! Jye nyise amabura buryo. Aliko ntawabarenganya, hali uwarererwa n'abazungu maze akazatuma. Bamwe barerwa n'ababandi b'intabyara ngo ni ababikira. Wabonye umubyeyi urera umwana atagiliye ku gise maze akamurera uko bikwiye ? Aliko se ko najyaga mbona bitonda byagenze bite ?

RUTIKANGA : Ahaa! Wirenganya umuryango w'Imana ni mwe mwambyaye nabi. N'abazungukazi barahire ? Nta Anamariya ubona ? Umurusha kwitonda ni nde ? Sinzi niba n'ayo macuho yawe yaramurushaga ubwenge uretse ubwo buburaburyo abunza ngo ni uburanga. Nabwo kandi ntabumurusha. Ntaho bahuliye yewe Anamariya ntacyambuza kumushima aratunganye ku buryo bwose.

NYINAWABANA : None se mama ko zidaha bose! ubyaye nabi ntagaya inkwano. Kandi uwahinze ibyago ni byo asarura. None se ngire nte mwababyeyi b'i Rwanda mwe! (Arebe Koleta).
Ubuze icyo abunza nyabu. Urabunza bundoye rwose.
Nyabusa wakwitonze ko uwitonze akama ishashi.

.../...

KOLETA : Harya ubwo nijye mubwira gusa ! Nabiyamye aliko ntimwumva. Mwakwigumiye mu bujiji ko ubujijuke bwabitaruye. Ndababwira aliko ntacyo mutoramo, habe na gato. Nimwicecekere maze mucweze. Nimuhigame ndabahigitse ntaho muhuliye n'amajyambere. Turatera imbere imberaga dufite zirenze imbabazi ni imbabaguzwa. Aho kutwaka inama ngo tubayobore muliha kuziduha ali mwebwe kandi mutazi iyo mujya. Muralindagira none mwilindira gutarataza nimulinde ibyuma tubahe imyambi; tubumvishe aho amajyambere ageze, icyo agamije. Reka nanjye nce umugani : aho ngo nyamuza vuba niwe umenya amatongo y'abakera. simvuga ko mbaruta ubukuru aliko mu majyambere ndabarenze. Nyalimo mukuru mwe muyalimo bato. None rero ni mumbwire alijye namwe uwagira undi inama.
Umva nshoboye kubahugura, kubakura mu kijiji. Mbere yabyose mukamenya ko ubuzima bw'abakobwa bushingiye kuburanga. Ubuze uburanga nta kindi aba akirangwaho. Nimumbaze mbabwire naho mucike kugira icyo muncengeza.

RUTIKANGA : Ko uwicaye nabi ababaza imbere ye! Ngaho igenge wigene rugabo. Aliko wakwisenga wagira, urebe u Rwanda neza. Uwanze kumvira se na nyina yumva yageze habi. None mwana wanjye uko yeze niko atemwa. Iratire uburanga n'ubuhuguke byawe. N'impamo ya Mungu imbere y'umusaraba sinzongera kugira icyo nkubwira. Mpiru na Nyoni ? Ndetse nza burumikwe, kandi yali imbwa y'umugabo.

KOLETA : Wikwilirwa urahira n'impamo y'Imana ahubwo komeza ubwo buryo bwo kuguma kwifata mbone aho mfatira nguha umugambi wo kugabana amajyambere. Ahubwo nimumbaze ukuntu nzajya gushaka akazi, ahonzahera n'ukuntu nshobora kukabona. Naho kwiroha mu byo mutazi ni ukwikoza ubusa kuko ntacyo mwabishoboraho.

NYINAWABANA : Mhu! Erega twe twabyaye nk'ibipfu by'ibishyimbo. Nta kintu kigaragara gishobora kutuvamo. Aliko mama, ahaa! Twaratakaye Nyagasani! Aliko se nyagucwa,ko kumva biruta kuvugagura; wumvise icyo tuvuga wabura na ruminja ukuramo. Se ndagugura ngura rw'iyihe ? Mbisa njye kwibikira ibishyimbo. (abe ahagaze).

.../...

KOLETA [illegible]

[illegible]

[illegible]

PUTILAHDA [illegible]

[illegible]

[illegible]

RUTIKANGA : Jye ho murumve nkomo. Imana ishimwe kandi isingizwe. Hm! Uwibeshya inda hali umwima ibiheko ? Kuturanya Nyiraburanga, bwiza buzazana ibyo ukeneye byose. Mvuge iki se wa mubyeyi we ! Mbisa nigire mu gasambi. (yinjire mu cyumba Nyina wabana amukulikire).

IGICE CYA II KOLETA WENYINE

KOLETA : Aliko koko abatindi bavuga ayabo. Babivuze ukuli ko ngo basa n'impu zabo. Buliya se ziliya njiji ngo ni ababyeyi, zigira ngo njye kujya nilirwa nihoshya ingwa zizi ko ndi mwiza! Aliko wenda naba narahindutse reka mfate indorerwamo nirore. Yoooo! Mbese umukobwa ujya kumenya ko ali ihogoza bigeze he? Ubu ni ukuvuga ko abahungu bose nabaciye intege Rudatsikira wa agamba kuba yarampfiliye. Aliko se irya ncandazi niyo yambwira ko yenda gupfa ali jye muti wamuvura namwemera? (Yongere arore mu ndorerwamo). Mbega uruhanga! ni uruhanika! Umuhungu warwihata ntiyahwema. Yaharara kuruhugiraho otaruharurukwa rumubanye ihoho akambuza amahwemo! Ahasigaye ni ukwibaza Ruhangara wahangara uru ruhanga ngo arugire umuhingo azahengekaho umusaya we. Rudatsikira we mbaye mutsinitse nashaka atsikire ndamutsinsuye. Mharaye ilibasumba musore usumba abandi, RUdasu mbwa akaba yuje ubusilimu maze mu rwego akaba ali rwema.


(yongere yirore).

Dore umusatsi ukaba umusereko ukaba umusilimu.
Nawusokoza neza ni uko ineza ikansesekara ku maso.
Dore rwose urazamutse mbese urashaka gutaha ijuru.
Musore udasoretse ibi gisore ukaba utajishe merisedesi vola mukangana urunuka umusatsi wanjye ntuguseguye . Umuturagekazi yibyinira ati "Musore wowe utagira inkweto reka inka rero ikaba ikurenze wowe rwose nkwiyamye ahanjye". Mbega urukererezabegenzi : Bugiye kunkeraho nkireba ubwiza kandi ntaho ndageza. Iyo nza kuba inyanda ejo nali kuba nsa n'urwaye inkera. Aliko se ko babibonera mu maso none amaso yanjye akaba ahora yaka nk'urunyenyeli. Ubu se nilirwe nongera kurora mu ndorerwamo ? (arore).

.../...

Mama ijisho ry'urunyenyeli maze nakubitiraho kulitereka umuhungu unkebutse agatangira kugenda uruterekampfizi uboshye ubonye Bikiramariya umwe abapadiri barilimba. Dore iryo jisho likengerana maze likabengerana nka feza nuko likakirana nka zahabu abasore bose bagatamîra, intambara ubwo ikarota ubwo ali jyewe ubaciye intege. Dore uko bukeye niko nkeye none nkeye ubukengerane, reka nze ngende nakirana maze unkebutse ajijwe n'ubwiza ati "Cyose bwiza uraganahe "? Ubwo ntwengatwenge bitali cyane urubura rwizihiye umunwa ukeye, narubona neza rwakirana umutima utere ntagutuza ati: "Tuza duturane urakeye". Nimbona ampaye umulimo udashyitse, ndavuga udakwiranye n'uburanga ntiliwe nanga kuko ngiye nyaruke n'ahandi mbakubite ingohe, n'uwali ugohetse ubwo ahaguruke ati:"Cyose rugwiro Nyiraburanga icyo urangisha cyitwa ikihe." Ntamwenyuye nse n'ubikora utwo dutotsi nabona dutsikimba nk'umulishyo mwiza w'ishake uko yakora atijana. Mu mwanya udatinze bidahagaraye umusore ugirango asumba abandi ati:"Juru ryera, uwagusenga ubusabane ukampa umubano tukanabana". Ubwo bukeye nkabona nkeye reka nze nkenyere maze nkeshe nuko niganire mu mujyi.

IGICE CYA III: RUTIKANGA, NYINAWABANA, KOLETA



MUGIHE ASOKOZA HINJIRE RUTIKANGA AKULIKIWE N'UMUGORE WE NYINAWABANA

RUTIKANGA : Mugore mwiza se ugannye hehe? Ko ndora wikoze wikunze ukikuganya ugana iyo hanze ? Aho se maye ugiye mu kazi cyangwa wanze ntuigisha ? Ukaba ugiye mu mujyi rero ngo ugiye kwisabira yo akeza ! Igendere mama genda shenge, urugo ntavugamo rwavuga inkongi. Ubwo uzi bwenge ugira uko ugenza genda shenge ubwo uzi aho ugiye.

NYINAWABANA : Abagabo koko ntimujya muhara. Ubu ntakubunza ngo narabyaye. Nta gaciro k'ababyeyi. None uravugana n'uwize ngo yewe mwana wanjye. Aho uzi amajjambere ya ruzungu ? Nawe ipfire nkanjye wo ku mubande nomu gipadiri ntacyo ukurayo. (arebe Koleta)
Igendere mwana wize ishuli, koresha ubwange ukore uko wize dore ubwo wize ahali uzi byose ! Mhu! None se maye mbivuge ngo iki ?

KOLETA : Ubujiji rero buragatsindwa. Nk'ubwo rwose ntimuhaga? Dore nimwicecekere mucweze maze muzatege uko bigenda Ubu ndagiye aliko ntacyo niliwe mbabwira kuko ntacyo mwakwiyumviramo. Ali ibyerekeye uburanga ali n'ibyerekeye umujyi byose birabarenze.
(Ubwo ANAMARIYA akomange ku rugi)

IGICE IV : RUTIKANGA, NYINAWABANA, KOLETA na ANAMARIYA

KOLETA : Uwo ninde ukomanga ? (buhoro) Nizeye ko ali agahungu kanyarutse gakwiranye n'uburanga. Naho niba ali agahungu ka hobyohobyo sindibukavugishe. Aliko ko utinjiye wagize ngo tuli mu muhezo ? Nawe urasa n'aho utali uw'ubu.

ANAMARIYA : (Ageze mu nzu).
Aliko di ubu se ho ikinyabupfura cyaracitse ? Uraho neza se aliko ? (amuramutse, aramutse n'ababyeyi maze bamuhe aho yicara).
Niko se Kole aho bavugira umuco w'igihugu wowe uba he? Ikinyabupfura cya kinyarwanda se ntukizi ? Ntuzi ko winjira bavuze ngo kalibu ? Aho kikubuza amahoro ni he? Harya ngo ubwo ni bwo buhuguke bwo kudutesha kamere yacu ? Gukomanga se si ruzungu ? None se ntitwigana abazungu muli aya majyambere tulimo ? Mbiganye rero wakomanga bavuga ngo injira ukinjira. Mbese uzi iki haba n'ubwo baba bibereye mu byabo bitakugenewe. Ubwo wakwinjira batakubwiye ubunza ko uli impuguke akaba ali byo ukangisha abandi ?
Hali abajya kwiga ali ibicucu bakavamo bali inyuma yabyo. Birumvikana ko ubunza ibyo ntacyo aba arengeje abatalize ndetse nta n'ubwo aba abigejejeho. Erega mugenzi iyaba twali tubishoboye maze ngo tujye ducisha bugufi byaduhesha agaciro aliko [illegible] wilirwa umamira. Ceceka ukore di maze abantu bajye bavuga bati : Kanaka cyangwa se Nyiranaka ni ingirakamaro".

KOLETA : (akirya) : Aliko di uzi ko usa n'aho utize cyangwa se utigeze ujijukirwa. Ntabwo uzi ko umwana w'umukobwa wagize Imana akavuka ali ihogoza agomba kubihishuramo umukiro ashobora kuzagira mu buzima bwe bwose !
(Ubwo alikoza ubusa)

.../...

Nòne se di wätega ko abantu bakubwira ko uli ihogoza ukazageza ? Hali n'abatazi kubirora di ! Aliko urabinambira ugakora icyo twita gupfira umurongo. Ivuta rya buli bwoko ukarikoraho mbese ugakora iyo bwabaga ubwo ukorera umubili di. Uti "Ndi mu muco w'igihugu maze wiyicalire uti utazi umwanzi asiga umubili". Ibyo byatuma utinonera ngo ube umwinonore w'intore abahungu bakunôgere uko bangana. Uretse nyine ko zidaha bose ! Nkatwe twagize Imanatukavuka tuli maso y'urunyenyeli tugomba kubikangisha abandi. Twabibuzwa n'iki ko ali icyo twahawe. Ubu se ubona ko umuntu alimbira umubili we kugirango areshye n'abandi ? Ubona imyaka twamaze mu mashuli amajipo akalinda kuhabera udushwangi ukagira ngo tugomba kureshya na rubanda ? Aliko di utekereza nabi rwose; ahali nyine ni uko .......... tujyane se di ko ngiye mu mujyi.

ANAMARIYA : Reka se nsohoze ubutumwa. Akira aka kabaruwa ni wowe kagenewe. Umuntu yakampaye ejo ngo nkakuzanire nuko mbura umwanya nicyo cyatumye nzinduka.

KOLETA : Wenda ubu ni iya ka kaburaburyo k'agahwiji ngo ni agahungu. Ni iya Rudatsikira ?

ANAMARIYA : Aliko wigira ubwira uraba umenya nyirayo. Kandi nyil'ubwira yasize icyo yaje kwenda. Tuza maze usome akabaruwa utureje.

KOLETA : Uzi koko ko usa n'abantu bo hambere ? Harya ngo wowe ubona abantu bareshya, ibyo ni ibyawe. Jye simbyemera. Uko batareshya rero niko umuntu atagomba kwandikira uwo batali mu gice kimwe. Ibyo aliko, cyane cyane mu by'uburanga. Nk'ubu mbonye ali Rudatsikira naseka uko ameze n'uko nsa ! (afungure nabona izina abihirwe maze asomane iseseme, narangiza).

Nta soni ! Ngo ndagukunda ni nk'uko baliya bakiristu babwira Imana. Niko se di! Urebye Rudatsikira nanjye hali aho duhuliye ? Undebye uburanga uka reba akazi nkwiye n'imyifatire duhuliye he ? Nimuhura uti "Intashya yatahiye igikeli kirayibuza giti mpuriye hehe n'ibigaruka".

ANAMARIYA : Di ubwo buca umwenda ntudodwe ! Ndabyumva ushobora kuba utamukunda aliko kugeza aho umuntu muzima agutera iseseme nk'aho yaboze biteye ukwabyo. Ushobora kumwanga ntibibujijwe aliko kumunena biteye isoni. Umubwiye uti "Umutima ntujya wegera uwawe yahita abyumva kandi bene ibyo abahungu barabyumva cyane". Aliko kumusuzugura ukamwanga wamushyize hasi ntabwo ali iby'i Rwanda.

.../...

Vona se ni watoto ko abantu bakubaita ko ari inegoza ukeragere ? Hali abaturage kubitora di i Afiko urabia nambira ugakora icyo tuite gupfira umurongo, ilvuta rya buli bwoko ukarisezeranya ukoresha icyo gukora inzu ubuo ukorera umutima ntimisha ariko wabaye ku mwo w'icyongo mize mu bitekerezo yawe ya ukwimyeko yo kumuza uburyo nanditse ku buryo bwo ukwizera agaciro amaze kubona mu bintu abana baba.

n'abo bakomeje ku bitekerezo byabo bitari bya bose ariko rubuga bayoyeye; tuba kwivuga kwizera, abakuze ntibazi ku buryo bwo gukorera hamwe kwigana ku bazungu; nibo bafashe igihugu, umuco, ubuntu bose bafatanya mu gutandukana n'ababyeyi babo ari urubyiruko babaye aho mu kirangaminsi ko abantu babazwaga nabo.

mu meshuli amajiro akaliwde kunabora ubushuhanga ukagira ngo tugombe kureshya na kubandi ? Afiko di utekereza nobi zwoaz abela nyine ni uko [illegible], tubyara ibi bij ko ngiye nemeje.

: Reka se nahonze umutumwe Akira aka aushazuwd ni wowe Kagenwe. Uwacu yakamaze ajo ngo ukakurambire guko ubura icyo wavetumwe nzaritukan.

: Wende ubu ni iyiko Kobutabeyo k'agahwiji ngo ni gahutugu. Ni iya Rudatsimbe ?

: Aliko wicira uburyo usese umenya ntiragu, kandi nyi twiture yosize icyo vaja Abenoa. Iuta aaze waame akantuwa utureje.

: Azi koko ko uko n'abantu bo itambere ? Ku'ya ngo wowe ubona abantu bareshya, ibyo ni ibyawe. Uyu amabwera, abaswegutanye yarere niko imuriu atagamba ubasakira iwo abandi ni abo bimwe, ibyo bitira cyane cyane mu ry' ubu rongu. Nk'uko mbonye ari Rudatsikira neseka uko amaze n'umunsa i (Ariungure rabona hina abahiwe meza abaane isesama, nyamagiza).

Nta soni ! Ngo ndagukunda ni nk'uko hajiye bakiriatu babwira imana. Niko se dii umbaye Rudatsikira haniyeheli aho dubuliye ? Undebye ubutenda uka zebe ukezi nawtye n'imyifetire dubulira ye ? Namukira uti "umusahye yatambije igikeli kireyibuza gitu ntaliye itsne n'ibitekerezo".

: Dizubwo bwa umwanda ntabdowe, ntabyumve uwaboro kuba utamenyuna aliko kunoze aho umuntu muzima gubaira iasame ukwe uyikoze bitevu ukwabyo. Usholora kuwanga ntibabujije aliko kumtamo biteye isoni. Umubwiye uti "Umutima ntuiye wegera uwe, yabita abyumvikandi bene ibyo abana baragumya cyane". Aliko kumusuzugura ukamwanga webahyize hali nakwe ali ibyiza kwanga.

.../...

KOLETA : Aliko Anamari, hali icyo yigeze akubaza wowe ubwo munakorana; yagombaga kuba ali wowe yahereyeho kugirango angereho. Hali umuturage ujya avuga ati:"Ibitigera biligereza ni imbwa ya Bararushya". Aliko se wowe ngo ijya kulisha ntihera ku rugo. N'ubundi abashaka gusimbuka batagenze buhoro ngo bitonde, barasimbagulika bataga byinshi.

ANAMARIYA : Ibyo birabe ibyawe wenyine. Aliko di ibyo se si ugakabya ? Harya ngo uli Imana mu bakwobwa ? Nayo bavuga ko Bikiramaliya yabyaye umwe muli yo cyangwa se muli zo. Ndibaza rero umuhungu waba ushaka uko ameze.

KOLETA : Anamari, nk'uko mu bakwobwa ndi kw'ihanika no mu bahungu ngomba gushaka uwahanikiye abandi. Ali mukazi, mu mafaranga no mu busilimu. Umuntu agomba kubaho akulikije uko yavutse n'uko aremetse cyane cyane iyo ali umukobwa. Ubu ndagiye niba ushatse uze tujyane. Ngaho mwilirwe.

NYINAWABANA : Mbe Anamari ? Ba uretse hali icyo na kwibalizaga (Koleta asohoke).

IGICE CYA V : NYINAWABANA, ANAMARIYA NA RUTIKANGA.

NYINAWABANA : Niko Anamari ? Wowe ko wenda waba uvugana na mwene wanyu uliya yibaza iki rwose ? Mwagerageje kumuhana nyabusa. Buliya ko agiye kuzaba ingangare yibwira ngo ni mwiza uruta abandi nk'aho ubwiza bulibwa. Ubwo wowe mwiganye wagerageza kumwumvisha ko ibyo akora ali amafuti maze ukamufutulira inzira nziza agomba gukulikira,nk'iyo ulimo mwana wanjye.

ANAMARIYA : Erega guhindura umutima w'undi birakomeye. Kandi kugirango wumvishe umuntu ko uli munzira y'ukuli we akaba muy'amafuti, ntibyoroshye. Nta n'ubwo mbona ukuntu Koleta ali mu nzira mbi ku buryo nagomba kumubwira ngo nayireke

RUTIKANGA : Mbe muko, kuki wowe wifata neza ntiwirirwe ubunza uburanga nk'aho ali bwo bukiza umuntu. Ni ukuvuga se ko Koleta abubarusha ? Yewe umugereranije nawe usanga ntacyo ali cyo

ANAMARIYA : Wenda ahali nanjye ndabwamamaza ni uko tutabana ngo ubimenye. Kandi umuntu ntakora nk'undi buli wese agira uko agenza. Ikibizi ni ababyeyi tubana. None se Koleta we mubwira mutyo aho ntimugirango na Rubanda rwose niko rubiz Iyo umuntu ali iwabo yifata uko ashaka aliko iyo yazindute agomba kwiha akabanga da.

.../...

NYINAWABANA : Oya mama we ! oya ! Nabyaye nabi sinkibihakana ndetse ngeze aho umwanzi agira ngo awa. Urakirate aliko usigaze agatima na gake. Gutwarwa n'ubwirasi wese ! Yewe birangwe mahire iby'uliya mukobwa wanjye !

ANAMARIYA : Reka ngende. Aliko ntimugire agahinda si urw'umwe ni urwa bose. Umuco wa Kinyarwanda uratakaye n'ubwo bibabaje bwose. None tugire dute ko ali mwe mujya muca umugani ngo agaharawe gahabwa intebe. Icyakora ubwo natwe ubwacu tuma ze kwiyemeza ko twabaye imburamuco turaza kubirwanya.
Tumenye ko haliho ukwifata ku buryo bw'abanyarwanda maze tuve ibuzimu tujye ibuntu. Dore ko dusigaye duculikiranya ibintu, ukuli tukakwita ibinyoma, ibinyoma tukabyita ukul

RUTIKANGA : Rero ngo umuco n'uje, hu! Urakabura ibyo uba umuco. Ngo mugomba kwifata kidamukazi, ibyo si ibyanyu mulibeshya Mbese ntimuzi ko icyiga kuvugiliza gica umunwa? Anamari, reka tuguherekeze wigendere. Aliko imyifatire yawe iratuyobeye mbese mubaye ibiburaburyo mwanze uwampay inka.

(Basohoke) maze bakinge umwenda.

R I D E A U -curtain?

ICYICIRO CYA II

Kirakinirwa mu cyumba cy'uruganiriro kwa Nsabumuremyi.
Ni ahantu heza h'ahasilimu.

IGICE CYA I : NSABUMUREMYI, NKUNDABERA, NIYIBYARA.

NSABUMUREMYI : Nkundabe? nkumenere akabanga ! Niyibya ? nushaka upfuke amatwi kuko wowe ntibikugenewe. Cyangwa wiyumvire mwana wa mamam si wowe watumye biba uko bili. Umva rero shahu Nkundabera Anamariya akiga atararangiza nigeze kugera aho yigaga, aranyakira iyo mfura nziza maze numva ndanezerewe. Nako reka mbiguhe neza. Ntuzi ahantu twigeze guhulira ngura utuntu ? Narahamube nye nsanga muzi aliko ntinya kumusuhuza ngo ntaba nibeshye maze nkahatera ishema. Dore ko ishema ryanjye ali ryo ilizanyica. Ntibyatinda twikubita mu nzira turataha, izo mfura nkunda ubwo turajyana. Yali hamwe na Mariya ya nshuti ye y'amagara. Aliko kubera ko nali natinye kubararamutsa mbere ulibuka ko nabahaye ukuboko kuko ibyo guhoberana byali byarenze.

NIYIBYARA : Jye umukobwa ngomba kumugwa mu gituza maze amabere yangera mu gituza nkumva gitunganiwe. Ndetse sinzongera kujyana nawe, cyangwa nubona tuli kumwe ujye ubahobera. Wowe wahora utekereza ku bintu byose kandi uli ku isi ukazageza he?

NKUNDABERA : Nsabumuremyi ashaka buli gihe ibintu by'ikirenga birenze iby'abandi bose. Urebye si bibi aliko kubikabyamo na byo si byiza cyane.

NSABUMUREMYI : Mureke se mbatekerereze uko byagenze. Sindangije kubaramutsa, turaboneza turataha. Iyo nzira yose ni wowe naganilizaga. Nkuko ubizi uzi ko ntinya abakobwa aliko bitewe n'icyubahiro mbagilira. Tugeze ahantu ujya kuramutsa umuntu maze nsigarana na bo. Ngo dusezeraneho numva Anamariya asa n'uzi izina ryanjye. Ubwo ndatangira ndishima kubera kumenywa n'uwo mwana mwiza. Ntibyatinda biratebuka iminsi irashira indi iratahe nibwo nikoze ntembera. Ngo muce iryera ubwo ncika intege nibwo ntambagiye musanga, ubwo mpobera neza iyo mfura nkunda, umutima we utegana n'uwanjye, uwe utaha uwanjye n'ingufu nyinshi. Ndamuvugisha ntibyatinda nti amahoro meza mwana nkunda.

.../...

KUNDABERA : Erega shahu usigaye walinjiwe n'amajyambere. Usigaye ukunda umukobwa ukanamupfira ! Iyaba nshoboye mba ngufashije.

IYIBYARA : Nsabumuremyi we afite umutima ukomeye. Afite imbaraga zirenga hejuru y'ibitekerezo bisamira mu mutima we nk'uko inzoga isamira mu ntango maze akabinnyiringiza bikaryana, aliko rushenguranira mu nda. Umutima we utuwe na Anamariya aliko rero uwo mukobwa ashinze ijisho uyu muhungu ntacyo yabona kibiranga. Genda shahu uremetse neza ndetse uli imfura uko uteye.

SABUMUREMYI : Ndalira shahu mukalirimba. Umugabo wandikaga w'umufaransa, agira ati umuhungu akunda umukobwa, ni uko gahungu ajya kumusura, nyiramukobwa aramudesega. Aramugosora aramusukumya, aliko rero akaba atamwanga. Ubwo abonye gahungu ko yitanze akaba yitangiye uwo mukobwa. Gahungu arabirora arabyumva ati "ngize nte bakobwa ngo ninjize muli iki gicucu ibyerekeye urukundo ngifitiye cyo kicwa". None namwe murashinyanga. Ndashira numva nkabura ijambo nkabura intege zo gutobora, none namwe ngo ndi umugabo. Ni uko shahu reka mbabwire. Harya nali ngeze he mbabalira? N'uko nkomeza ibyanjye ndatembera aliko uko ntembera umutima utera ukanga ugataha Mugwaneza. Ngo sinibutse ibyo gutaha Umugwaneza arantaha. Ubwo ntaha mutekereza nti : "erega bahungu natewe", ubwo nibwira.

KUNDABERA : Umva shahu uko bigenda! Aliko weho ubwo byatinze bifite imvano ndabikubwiye. Uramwihate, umuhate imboni, ukazanye umwereke ko umukunda akunde agukunde bitagoye. Naramuka akwanze ni uko azaba atali igeno ryawe. Erega gushaka jye simbyanze aliko umuntu afite umugenewe byanze bikunze bazabana.

IYIBYARA : Ihorere rero ubwo rwabonanye. Ubwo Nsabumuremyi yafashwe n'urukundo, yaragenzuye ajya gukunda. Ubwo impamvu ni nyinshi mba ndoga data !

SABUMUREMYI : Simbarambire mu magambo. Umutanganirwa arantwara. Bishyira kera ndatekereza ntibyatinze ndatambagira n'aho yigaga ubwo ndagusha. Masoyinyana ngo mukebuke, umutima utera ubutiramira, ndahanyanyaza ndamugwira mbese n'igihama

.../...

cyinshi cyane. Ndamuhobera uko bisanzwe ni bwo tugiye kuganira. Umutima nkumva uratera guje nti jya mu gitereko [illegible] wo gapfusha we, kuko numvaga nishimye. Turaganira Munyuramutima, nkamwenyura ngirango anyumve. Ngo ntasetse nkumva ubwo ndi mu mahoro kuko nibwiraga ko atanyanga. Mu mwanya numva imvura iraguye ntegereza ko bwira ngo twihamanire". Irahita yo gahita iremba nuko aransendekeza ndataha. N'agahinda mpindagara ubwo ntaha aliko munda ali urubanza.

NKUNDABERA : Kandi ubwo watashye wareze icyuya mu maha hahindutse nk'igishanga. Uko nkuzi n'ukwifata kwawe wali ufite ubwoba ko yabimenya. Aliko sha kuki ubitinya ? Ubwiye umukobwa ko umukunda se hali ikibi kilimo ? Ko aliko bimeze se ni wowe wenyine ?

NSABUMUREMYI : Erega shahu ndemetse nabi. Ubwo urora nanga guta agaciro. Ngatinya kwiruka ku mukobwa kuko ngira ngo nahasebera. Naho uko mbakunda ni jyewe ubizi. Aliko iyo byaje nkunda umwe gusa. Uko nteye nanga kujajaba ngo nkunze uyu nkunze se n'uliya. Nzajya mfata umwe naba anyanze nicecekere. Nimbona undi nkunze mbimubwire. Kuzageza ku wangenewe nk'uko ubivuga. Naho gukunda magana ngahe, icyo ni ikinyoma ndacyanze ubuzima bwanjye si ko mbushaka.

NIYIBYARA : Iyo ni inama aliko rero niba ubishoboye ni amahirwe twese si uko. Erega shahu uremetse neza.
Ntuzi ko haliho n'abahungu bashuka abakobwa ngo bazabasaba maze bakabangiza ibi ibyateye. Ntamubonye atakili umukobwa ati "singushaka sinsumbakaza" kandi aliwe wamwishe.
Naho uti ntinya guta agaciro. Kuki se ukunda ! Urabyihorere. None ubwo utabishoboye kora nk'abandi ukore uko bimeze. Kamere-muntu ni ugukunda. Nk'ibindi biza nukusira. ubu se do wize wali uzi ko uzabona ishimwe mu by'ubuyobozi ? Cinyirwa ucengerwe n'urukundo umukobwa umwereke ko umukunda nibishyira kera unabimubwire wumve uko avuga nta kindi. Naramuka yanze unageyo utwatsi naramuka akunze ni yo mahirwe. Hali itinya itarungurutse.

.../...

cyinshi cyane. Ni Ntebeta uko bisanzwe ni bwo tugiye kugenira. Umutima nkumva uretera uje nti jya mu gitefe ko wo gapfe ye kuko ntuwaga nishimye. Tutegenira umutima, nkawenyura ndizanze anumve. Ngo ntagetse nkumva ubwo ndi mu mahare kuko nibwiraga ko atanyanga. Mu mwenye numve imvura icyuye ntageraze ko bwira ngo twibamenire". Icyibira yo gahite iremea nuko aransende keza ndetahe. "Ngahinda mpindagara ntwe ntcha aliko munda ali urubenze.

NKUNDABERA: Kandi ubwo watashye wanze ko ujyane mu mana ntaride nk'indamanga. Uko nkuzi n'ukwifata kwawe wali urite uwowba ko yabimenye. Aliko sha kuki ucitinya ? Ubwiye umukobwa ko umukunda se hali ikibi kirimo ? Ko aliko bimeze se ni wowe wenyine ?

NSABUMUREMYI: Erega shahu ndemetse neza. Ubwo uroza ranga cuta agaciro. Ngatinya kwirwka ku makubwa kuko ngira ngo nabasabera. Naho uko mbakunda ni jewo ubizi. Aliko iyo byaje nkunda umwe gusa. Uko ntoye nonga kujajaba ngo nkunze uyu nkunze se n'uliya. Nariye nkata umwe nabe anyenze nicecekere. Nimbona nnda nanze mbimubwira. Kuzanoza ku wanganwe nk'uko ubivuze ? Naho bukunda wanane ngoba, iyo ni ikinyoma ndarganzi uburima bwanyje si ko mbushaka.

NIYIBYARA: Ivo ni inama aliko zero niba ubishobove ni anabizwe twase si uko. Erega shahu uremetse neza.
Ntuzi ko baliho n'abahungu basuka abakobwa ngo bazabashaka naze bakabanjiza ibi ibyatsyo. Ntabuonye ataktli umukobwa ati "simguenzweshimbakira" kandi niwe wamwishe.
Naho uti ntinya ngaa agaciro. Kuki se ukunda t'urabyiburere. None ubwo utabishoboye koro nk'abandi ukore uko bameze. Kumaze-muntu ni ugutunda. Nk'ibindi bize nukuelira, ubu se mo wize wali uzi ko uzabona ishirwe mu by'ubuvubzi ? Ginyirwa ucengeye n'intukundo muko twa umwenke ko ugukunda ntishyize kera umabirubwire. wumve uko avuga mu kindi. Nerabi yumva wnagye ugwa-tei nuramuke akunze ni yo mahirwe. Nali ntinya icyu-nguriitse.

NSABUMUREMYI : Iyo ni inama ndakumvise. Ni uko rero nkibibabwira ngeze aho mu rugo ndahigara ubcshye umwana wahaze inkoni. Nijyamo ndibaza ndibwira nti reka njye mu nshuti gucutuza, ntakora intambara mu rukundo. Mbaza abamuzi n'uko bambwira ko yitonda maze ntaha ndi mu birere. Ni uko nkajya nyaruka nkamusura maze nkamusanga uko namubwiwe. N'uko ndangiza ntamubwiye ubwo ntegereje ko abyibwira ngo nzabimugezeho nawe abizi. None ngaha aho twiyanitse, uko mukunda byo birakabije.

NIYIBYARA : Nsabumure ? shyiraho umwete, shahu ihate uwo mukobwa Mherutse kuganira na Mariya ansekeye numva nsa n'umukunze. Ucuditse rero na Anamariya, nahakilira ndabikubwiye. Wajya ujya gusura Anamariya najye nkajya gusura Mariya. None muvandimwe kuturanya na Anamariya mbona atakwanga. Shwaga wumve icyo atekereza maze rero ushire agahinda.

NKUNDABERA : Agakuru rero gashimishije. Nsabumure ? Uzi ko ngo cya kizubazuba cyagupfiliye. Ngo aragukunda aliko rero ali kubera kubura abandi. Mbese ngo uli umusore aho abandi babuze. Akoresha umunzane apima abahungu none ubu rero ahitse ni wowe uhali. Rudatsikira ngo yaratsikiye.
Se Nsabumure? uramwegukane mba nkuroga ! Ubwo ashaka umusore usumba abandi none nawe ukaba udusumba, fata Runyenyeli umwivugane none iwawe hava izuba n'ubwo usa n'inkono iteka.

NSABUMUREMYI : Cyose sha? hali ihene yulira intama ! Nyiramenyoyurubura ko yamburabuza ageze iwanjye, yabona unsumbye maze akaguruka. Keretse wenda ahali nteruye, naho nsabye nk'ibi ujya ubona i Rwanda najya gutanga inka yaratarutse. Nawe kandi uranzi neza, iby'iraha rwose birantonda, na Anamariya ni uko mbona yitonda nkaba mukunda ibi byo guhwera, naho ubundi ruzungu yose sinyishoboye. Cyose mugenzi, umukobwa usuzugura ababyeyi, agatuka se nyina akamwumya, aho umukecuru wanjye ntiyamuhigika. Nk'uko ubizi data yansize ndi imfubyi umukecuru wanjye arapfa arapfukera akorera imfubyi ngo zaramuka.

.../...

Ubu ndi umugabo wa mama umugore nshaka ni uwa kabili? Uko ubyumva uwo kunca kuwa mbere si we nshaka, umugore okuwo ntitwabana. Uzi rwose ko ndi Umunyarwanda, uwo muzungukazi wirabura namugirante rwose mu rugo rwanjye Ashwi da! ishwima ntirya imbwa iyo iyiliye irayiruma.

NKUNDABERA : E! nimuceceke ndumva abantu bavuga. Kandi wabona ali Anamariya na Mariya bava mu kazi. Wabona alibo bashatse kwinyulira hano.

NSABUMUREMYI : : Have shahu winkoza amata. Alibo najya mu macu. Nibaze bakaza izo mfura nziza. (Bakomange).

IGICE CYA II NSABUMUREMYI, NKUNDABERA, ANAMARIYA, NIYIBYARA, MARIYA.

NSABUMUREMYI : Ni bande ?

ANAMARIYA : Ni abagenzi

NSABUMUREMYI : Nimwinjire, Nimuze mulisanga, muli iwanyu yewe. (binjire baramukanye, bicare maze bazimanirwe). Ni ko se Mari, muraho ni amahoro ? Nawe se ni amahoro Anamari?

ANAMARIYA : Twese ni amahoro ndetse ab'imuhira barabatashya. Tumerewe neza uretse ko akazi katwangiye.

NSABUMUREMYI : Hora mama ni uko ukifitiye. Urareba umaze kuba umuganga kandi ubikesha akazi none uralira. Rekeraho wica igihugu umugongo.

ANAMARIYA : Aliko muli abadatana. Ndibuka ko tukili abanyeshuli, mwajyaga mugendana none ni ko bikimeze. Ni uko shenge nimukomeze urwo rutoki ubucuti si bubi. N'abakuru bajya bavuga ngo ababili bishe umwe.

NIYIBYARA : Mwe se si uko ? Wowe na Mariya ntimuli abadatana. Abantu mwiganye kandi mukaba mukora hamwe! Icyakore muli abana beza shenge.

NKUNDABERA : Ni inshuti cyane. Ni uko nyine muli abakobwa mwembi naho ubundi ........ ngira ngo murumva icyo nshaka kuvuga. Aliko mbabwire, muli inshuti kandi natwe tuli inshuti uko tuli batatu, mushatse nizeye ko twe dushak twakora ikintu cy'ingirakamaro.

.../...

NKUNDABERA : Ntabivuga! Ni ko Nsabumure? ko kera wacengeraga amarenga aho none utashye ntacyo utoye? Ngira ngo yewe urabyumvise. Kandi se ulirirwa ugira ngo ndabeshya. Igerageze maze wiyumve urebe uko wakwegukana iryo libagiza. Mutware shahu maze uzajye wivuga mu bahungu Nagera iwawe, ndalikubwiye ni ry'inshuti, nzajya mpagenda ikiliboli. None se nilirwe nkubeshya nshuti.

NIYIBYARA : Nkatwe yita se incandazi aho twahasunuka. Ngo urugo ni urugendwa n'ibihihe n'ibigaganyare byarenzwe. Naho nkatwe ba rubanda, kereka wenda ubaye uhali wenyine nabwo nkahagera nyonyomba. None se shahu nkubwire impuha.

NSABUMUREMYI : Erega bahungu murampunze. Nawe se ntuzagera iwanjye Anamari ? Ko nalinzi ko Koleta ali inshuti yawe.

MARIYA : Ubwo yakwiratagaho. Ihene n'intama bihuliyehe se Nyagasani! Uwakwereka uko atuvugisha: Ni ukuturebera ku rutugu nk'ingunzu da! Kandi iyo atuvugishije tubugendera kabili. None se ntituba tubonye icyo tutabonaga. Ubu rero nimumara gusingirana, urugo rwanyu ni uguhora rwakirana. Uwabuze uburanga akahaba igicibwa, nawe umusilimu utabengerana ntahagere. Naho se shenge duhuliye he? Uwo Imana yagize imanzi, ubwo imutoranyije mubandi, wamwisunga ngo mureshye ? Kereka kumugaragira nkuko tubigenza.

ANAMARIYA : Niba ubona mwisunga aba ali ukugirango angeze aho abandi bali mbese nk'aha. Naho se maye nkatwe twacu mbiwe twacudika dute n'irya nzobe yatamuye.

NKUNDABERA : (arebe Nsabumuremyi)
Sha ukulikira izuru ukazikura n'akatali kuzaza. Muvandimwe, harya ngo ni uburanga, ngaho irangareho. Uzajya kwisama usange wasandaye. Aliko ye ko kami ka muntu ali umutima we, kandi ngo amafuti y'umugabo akaba ali bwo buryo bwe, wenda bizaguhira.

ANAMARIYA : Oya maye, ntibagushuke Nsabumure, hali ahandi amahirwe y'abahungu aba? Uretse gucyura inyamibwa iwawe, ndavuga umukobwa w'inzobe itamuye, wapfiliye umurongo ali byo bili ubu. Umwe uca iryera ugacika intege, ureke ab'ibitimbili nkatwe hano. Aliko nyagasani murahirwa, mwe mwahawe kwihitiramo mukajonjoro uko mubi-

shaka maze ibishingwe mukatujugunya. Cyane mbashimiye ubwo butwali bwo gutwikiliza umutima ubwiza maze mu karahurwa n'uburanga. Ngo umugore n'uwo weretse abandi, naho umugabo se n'uwo uhishe abandi ?
Aliko ni ngombwa biranakwiye, umugore wa none mu njijuke ni nk'agapantaro aka kagoroye, kalimo imikunjo y'urwanaga akaguhesha ishema mu bandi. Umugore wubu nawe ni uko, umuntu uba ukubitanye ku Gisenyi, mu bitaramo bya ruzungu, mu kabali ka buli iteka, harya uwashatse nk'usa nanjye yamucisha he se babyeyi! Yagukoza isoni mu bantu.Nsabumure ? Ubwenge rwose ni ubwo ngubwo komera ukotane birakomeye naho ubundi waba utaye byinshi. Iryo wazaligarulira he?

NSABUMUREMYI : (aseka bitali cyane)
Mama shenge nshuti idahinyuka, inama nk'iyo wayikesha nde uretse wowe ukunda abantu cyane cyane nkeka jyewe! Nkunganye mama wanyonkeje. Cyose nshuti, ubwo se ulifuza ko nsenya. Harya ngo uranyifuliza umugore wo kuzajya mulika uboshye kera bamulika inyambo.
Cyose mugore mwiza, urwo Rukererezabagenzi ko rwantereza urugo, aho maye ngo rukagendwa n'abasilimu, aliko jye mbise abasongareli kuko nta busilimu bwo !
Mh ! aliko reka nigarukeho. Kuba uli umuhungu ndetse w'umusilimu ntuzane iwawe urwo runyenyeli, wazapfa ugashyika ikuzimu ? Umpaye inama y'ingirakamaro, nabona nkazajya nca naho abandi bali. None se nshuti nkunda mbigire ngo iki ?

MARIYA : Anamari? dutahe bulije. No kugenderera abantu batazatwishyura biteye icyo n'iki ? Ntiwabona tuhagiliye ibyago! Nka Koleta adusanze aha twagira dute ? Aliko ntacyo bitwaye ko yaza akaba aliwe bavugisha twe bakatwihorera. Yakora nk'aho tudahali.

NIYIBYARA : Aliko ye ! Harya ngo muli ibijogorwa ! Naho twe se uretse wenda Nsabumuremyi tuli iki ? Aho ntugirango aje yatureba n'ilihumye. Ibyo byibatera imitima ihagaze. Koleta se ni we wendaga kubasaba. Nimwitonde yewe, abakuru baca umugani ngo uhigira igisambu igisebe gihigira ruseke.
Wabona uwo yilingira amutetereza akamutamururaho uwo mutima wo kwigira ikibasumba.

ANAMARIYA : Yewe reka dutahe ! Naho Nsabumuremyi, nkwifulije umugeni mwiza nshuti. Arakuzanire amata. E! ntawe ukomanze ? ataba ali Mibirunyoye. Tugende Mari.(bahaguruke basezere, Niyibyara na Nkundabera babaherekeze).

NSABUMUREMYI : Simbaherekeje numvise haza undi umushyitsi. Mugende amahoro kandi mumbabalire cyane. (Hinjire Koleta).

IGICE CYA III : NSABUMUREMYI, KOLETA

KOLETA ; Muracyakoma se Nsabumure ? (Baramukanye).
Ino nzu ntihumura umubavu niba ali uko ivuwemo na ziliya nyevu zisa n'ibitebo bitwara ifumbire, Wagira ngo n'inkono ziteka, nazo aliko zo mu batindi kuko izo mu basilimu ntizifata imbyiro cyane. Uzi ko nagukekagaho ubusilimu ? Koko ngo aho ingwe ibyutse harya ma imondo. Babonye ntahali n'''o baza kuganira.

NSABUMUREMYI : Andi makuru se Kole? mbese ubu ukora iki mu bintu ? Ntabwo uratangira kwigisha ? Cyangwa urashaka gukomeza kwiga?

KOLETA : Ubwo nta soni ufite ? Jye njya kurya ingwa ubuzima bwanjye bwose ? Ibyo ndabirenze. Naho ibyo kwiga sina byikoza ntuliye indege. No kuba mwiza na byo ni ibyago iyo bose batabimenye. Kwiga mu Rwanda sinkibiharaye.

NSABUMUREMYI : Aliko urakabije mugore muzima. Ubu se uruta abandi bose bahiga. Ibyiza ni ugukora nk'abandi n'iyo bose waba ubasumba, wazabona ibindi byizana. Abahiga se si abakobwa Kole ?

KOLETA : Erega wowe sinzi ibyo umbwira. Reka nkubwire amashirakinyoma. Ntawe ushidikanya ko ndi mwiza niba utabizi kebuka undebe, urebe aya maguru akengerana maze ukunde umenye ko nduta abandi. Kera cyane imigani ikibaho, umukobwa yalitumye nibwo avuze ati "Ni jye mwiza usa na bike abandi nibijure". None nanjye ndabahigitse, nibampe urubuga nirange. Harya ngo akazi ?
Nakunyarukiye no ku bitaro, ni uko bampa akazi kadakwiye, mpita nkanga ni bwo ubu ubona nje.
Ka gahungu ngo ni Rudatsikira kambonye karameza ngo nakwemeye ako ngako. Ndakareba ndamokorwa, nza ntagasezeyeho urabyumva. Kagiye kareba nka ba Anamariya aliko jyewe kakampa amahoro ! ko ntaho duhuliye koko rwose.

.../...

NSABUMUREMYI : Kuko se utemeye ngo ukore aho ngaho ? Nyine, ushobora gutangira uli hasi maze mu minsi mike ukazamuka. Wowe se hali uwo wabonye uhera hejuru ? akazagera he ? kereka rero agiye asubira inyuma.

KOLETA : Bati nahuye n'abantu batagira icyo bitaho. Ndashaka kuvuga abantu batareba umuntu ngo bamuhe akazi gakwiranye n'uko aremetse. Kuki mbese bo batarebye ngo nibabona ndi intore mu bakobwa bantoranyilize umulimo unkwiye. Yewe n'uduhungu tuhakora si shyashya. Nanjye se nganire na nde ? Hali Rudatsikira unkulikirana ntabone ko ntaho duhuliye. Hali n'undi bakorana na we wambonye aralira nduzi ko haseka nka twe. Kuba uli igishongore cy'umukobwa ntukorane n'abahungu bali mu rwego rwawe ni agahinda. None se nanze kwigisha mbitewe n'iki ? Uretse ibyo kurya ingwa no kuzisiga uboshye Kanta, no kubura umusore naganira nawe bilimo. Uko ndora umuntu agomba kujya mu mwanya we. Umukobwa w'ihoho nahorane n'abahungu b'urwego abone uko ahitamo. Naho guhorana n'abatindi batishoboye. Ntibamenye agaciro k'uburanga ni nko kurara ubusa cyangwa kuryama habi.

NSABUMUREMYI : Ubu se ulifuza gukora he? gukora iki? Ugomba kumenya ko uburanga budahagije ku kazi. Ntawanga abeza, uretse n'abantu n'ibintu byiza turabikunda. Aliko ubu mu gihugu dukeneye abantu bakora kurusha uko dukeneye abeza kereka waba uw'abeza ku kazi.

KOLETA : Ibyo simbyemeye. Iyo uli umukobwa uruta abandi, abantu bose barakulira bigatuma icyo ushaka utakibura. Kubaho kw'umukobwa si ubwiza hali ikindi ? kereka niba utabizi. Iwanyu se hali akazi ? Nagirango uzabingiremo maze nzaze nisukuye. Akazi ngahabwe bitangoye.

NSABUMUREMYI : (aceceke gato)

Uko nkeka dukeneye abantu. Aliko dukeneye abantu babunza umwete kurusha ababunza ikindi kindi. Nko kweteta ngo uli maliboli, ibyo akenshi ntitubikunda.

KOLETA : Ubwo rero mu minsi itaha nzaza, nizeye ko umwanya uzaba warateguwe. Erega n'ubundi ngo ufite ake ntabura akundi. Nizeye kandi ko ubwo umbonye utazongera kuganira na mfura mbi. Maze rero ngiye imuhira ni ah'ubutaha nshuti nkunda.

.../...

ICYICIRO CYA III

(kirakinirwa kwa Rutikanga)

Aho birakomeye; Koleta yizeye akazi none atangiye kwirata atarakabona. Abenze abahungu agira ibihumbi, umwe amubenga yamugendereye. Hanyuma akazi yizeraga arakabuze, umuhungu yakundaga aramuhunze, alicuza cyane biracika.

IGICE CYA I. KOLETA, NYINAWABANA, RUTIKANGA,

(Koleta yikoza ubusa)

NYINAWABANA : Impigi yafashe nyiramuko ? Ndakubaza niba wabonye umulimo ? Ko waje ukicecekera ntugire icyo uvuga ? Harya ngo twakwiyamye kwamamaza uburanga ibyo bigatuma rwose utatuvugisha ? Rero nanjye ndasara ko wumva tuli injiji se maye, uravugana natwe ngo ukuremo iki ?

RUTIKANGA : Erega koko babivuze ukuli abagore ntimugira umutima. Niba munawufite uteye igiculi. Umusongareli ati "Nimuceceke uwambaye injamba ntagira ijambo none nawe uravumvura" ? Wenda urabunza ngo warabyaye ntuzi ko ingoma ya none yo mu rubyaro yayoberanye ? Ko ali ukwogeza Ndimukarasi ahasigaye yaba ali umwana w'umukobwa agashemuka mu bahungu hali ikindi ? Reka uwize we aragatsindwa iyo atabaye umwana aba amaheru.

KOLETA : Ibyo se bihuliye he no kumbaza ko nabonye akazi ? Erega nyine ni uko mutarabyumva naho ubundi uwize ntaho mugihuliye. Nka Papa azi ko umukobwa ali ukuba mu rugo akicara agakubura, ubundi yaba akorera nk'amafaranga yava ku kazi akaza imuhira agakora imilimo. Ibyo rero ntibikiliho byaracitse byajyanye n'ubujiji bwa bamwe na bamwe kuko nkamwe muracyali injiji. Dore ubu uretse ko twe twagize Imana ntitugombe kwihamahamira abagabo tubitewe n'ikimero cyiza, abavutse basa n'ubwire bwiliye ubusa bagomba gukora iyo bwababaga kugirango babone abagabo. None natwe dusohoka ikiliboli ngo turagenda, n'uko nyine Imana zabahaye ntimubyare icyanda naho ubundi mwali kuzavuga menshi. Ndasa n'uwumva imilindi ahali sinzi uje. (Bakomange ku rugi).

IGICE CYA II : RUTIKANGA, NYINAWABANA,
RUDATSIKIRA, KOLETA.

NYINAWABANA : Muraho se muhungu iwanyu ni amahoro ? Muturusha iki ko ino imvura yabuze izuba likaba licanye ali nk'umuliro?

RUTIKANGA : Aliko nkawe uba ubaza ibyo mu bantu b'abasilimu ugirango babyitayeho ? Abantu bibera mu mujyi ugirango ni nkatwe twilirwa ducukura itaka ?

RUDATSIKIRA : Nyamara natwe turabimenya da! Uwaba umusongareli we yayoberwa uko iwabo bameze ? Yayoberwa icyo bejeje n'icyo batejeje ? Yewe n'iwacu ni uko ahubwo niba n'ino ahali muracyafite n'ibijumba. Iwacu abenshi barahaha rwose nako inzara ni yose.

KOLETA : Ubwo se ujya mu rugo ryali ko mpora nkubona mu mujyi? Cyangwa hali uko ubigenza maze ugakubitayo ntumareyo umwanya. Naho mulihangana, nigereye mu mujyi icyo cyampurutura ngo ngiye iwacu, njya gushakayo iki?

RUDATSIKIRA : Natwe tureka kuba aliyo twibera aliko tunyarukirayo nka limwe mu kwezi cyangwa se mu mezi abili maze tukabasura. Dukunda kujya yo rero nk'igihe bejeje tugirango tubone ibyo dukeneye.

RUTIKANGA : Nagirango mujyayo mugiye nko kubafasha ? Ndavuga mubashyiliye nk'udufaranga two kugura amuhinzi cyangwa se kugura akenda, naho ni ukujya kubaka n'utwo baba bihamaniye ? Nkatwe se ba nyamwirya tukimara, waza kutubaza ibyo byose ukagirango twabibona ? Keretse rero uhaye ababyeyi amafaranga ukagura n'isambu bakajya baguhingishiliza utwawe.

NYINAWABANA : Erega Rutikanga sinzi ibyo ubamo ? Aho ntugirango abamaze kwibera abazungu urwo baba bakiruliho ? Ntiwumvise umukobwa wawe mbese uko yavuze ? Ngo ageze mu mujyi nta mutima wo gutaha yaba akigize. Mhu!!! Mbese ajya gushaka iki ko aba arya akaryama. Ahubwo tuzajya twumva ko babyaye abana ali bakuru. Naho kuvuga ngo warabyaye by'ubu n'abatali abasongareli basigaye batakibana n'ababyeyi. Umwana w'ubu asigaye yitegeka da!

.../...

KOLETA : Mwebwe ho mugira ngo umuntu agomba gufata ababyeyi nk'uko byahoze. Ashwi da !!! Niba umfashije warambyaye, ntabwo aba ali ukugirango nkwishyure igihe utakishoboye. Uba umpa urugero ngo nanjye nzafashe umwana nzabyara. Nawe abawe baba baragufashije ngo uzabone uko umfasha. Niba rero mugirango gufasha umwana ni ukumuguliza mulibeshya. Uba warambyaye nkubwiye !!! Ndetse ababyeyi bagombaga kwishingira abana babo kugeza igihe batandukaniye. Nkajye wenda nshobora kubafasha kuko ntateze kugura umugabo aliko abataragize ayo mahirwe ubona ko bafashisha iki ababyeyi babo? Uwavutse asa n'umurayi agomba gukora uko ashoboye ngo abone umugabo. Ntimukongere kwibeshya ngo "Urukwavu rwakuze rwonka abana barwo". Ntabwo alibyo. Mugomba kwibaza niba abo bana bagomba, cyangwa se bashobora kurwemerera.

RUDatsikira : Koko wowe urahakiliye ni ukuzajya ubona baza. Naho abandi ni uguhonga ubyanze bikamuhombana. Aliko natwe abahungu tugomba kugira icyo dutanga kugirango dushimishe uwo dukunda. Kuko gukunda ntibihagije ugomba no kwerekana uburyo ukunda.

RUTIKANGA : Yewe ndumiwe !!! Ababyeyi n'abana rubaye impate. Umwana ukwe n'umubyeyi ukwe ! Mama shenge. Ni Ndimukarasi Nyinawaba ? Enda tujye mu milimo tubise abana biganilire. Dore aho twababulije kwivugira icyo bashaka.
N'aho turanakabije !! Hali ukwivanga n'abasilimu utarabyigeze kandi udateze no kuzabigeraho ?

NYINAWABANA : Oya yewe ibyo ni ukuli. Buli gice ukwacyo niko bikwiye Reka nze njye no kwirebera ibishyimbo. Hashize iminsi ntajya kubireba. (basohoke

IGICE CYA III: KOLETA, RUDATSIKIRA. (Rudatsikira akurure intebe yegereza iya Koleta maze undi amwitaze.)

RUDATSIKIRA: : Mbe di ko ndora umpunga ntabwo ushaka ko tuganira ? Cyangwa se muli kamere yawe ntukunda kwegerana n'abahungu ? Ali ibyo ngibyo byansetsa cyane.

.../...

KOLETA : Si ukwanga kukwegera ahubwo ni ibindi bitali ibyo. Naho kwegerana n'abahungu simbitinya. Aliko ngomba kumenya uko umuhungu ateye, mbese agaciro ke n'imimerere maze mugasabanya amaze gusâba umutima wawe.

RUDATSIKIRA : Umenya noneho unsuzugura. Koko igihe tumaranye nturamenya uko nteye ? Najyaga ngenda ku kizere, ko ubu naje nsa n'uwisanga none nsanze utanzi neza ?

KOLETA : Nkubwire ufutukirwe maze ubyumve. Kumenya umuntu biterwa n'umutima umufitiye. Kandi rero nkanjye ubwanjye, kugirango menye umuhungu ngomba kumenya urw'inyarurembo, ali mu busilimu ali mu bukungu ali no mu bushongore. Nkuko nanjye aba ashatse kumenya kuko ndi umukera nkaba nkeye kuruta bose.

RUDATSIKIRA : None se ubu ngubu mbuze iki muli byo ushaka n'ubwo ibyo uvuga utabyumva ? Icyakora uko uteye warantashye none rero gira icyo umbwira.
Kuba uli ihogoza byo ndabyumva aliko nanjye sindi hanze. Kubaza umuntu icyo atekereza cyane cyane uwo wizeye mbese ntiliwe mvuga menshi si bibi cyane ahubwo niyo nama.

KOLETA : Urashaka kumbaza se ko wanyandikiye singusubize ? Sinkibuka niba n'ibarwa narayisomye. Yaje icyo gihe ntamwanya mfite n'uko niba narayitaye niba se narayibitse cyangwa niba narayiciye nanjye ntabwo mbizi. Ubwo ushaka kumva wakumva icyo nshaka kuvuga. Mbese ntabwo uzi uyu mugani w'abakurambere ? "Imfubyi yumvira mu rusaku".

RUDATSIKIRA : Warayibitse, warayiciye, ibyo byararangiye ni akashize. Aliko hagati yo kuyica no kuyibika utayisomye hali imisuzugulire ya Nyirayo. Cyangwa koko wenda byali ukubura umwanya.

KOLETA : Koko abantu tugira ayacu. Ni nk'ibyo mpora mbwira ababyeyi. Umuntu najye amenya uko areshya nashaka inshuti cyangwa umumenyi ye kurenga igice alimo. Naho gusimbuka wali hasi, ukajya mu macu utabanje gucuma akarenge ibyo bihira inkerane mu bantu.

RUDATSIKIRA : Nijye se ubwira cyangwa ni umugani ucira ku baturage nyine batwisunga tutareshya ?
Naho jyewe uko nibwira ali wowe ali nanjye mbona tureshya ni nacyo cyatumye nza ngusanga.

KOLETA : Erega mawe ngo abwirwa abenshi abitwa beneyo bakayumva. Kubona umuntu mwicaranye watobora ijambo ntalitore nabwo si ubwenge ubu bwaratwa.

RUDATSIKIRA : Data yampaya inka mu gitondo, none nanjye waba unsumba ku buryo wambwira n'ayo yose? Nizeye ko wicisha naho ali ukuli kukuvuye mu nda waba umbabaje bitijanwa.

KOLETA : Umuntu yigeze kuba ali hamwe n'undi amubwira ijambo ntiyafutura. Nyilijambo ati : "Erega birenge unyumve neza ni urugero nitangiraga nta kindi".

RUDATSIKIRA : Aliko rero niba numva uravuga neza aliko rero ntumvugira neza Ibyo uvuga byose ntabwo bili mu binshimisha. Aliko ngo abakobwa ni ko mugenza mubanza kwanga ibyo mukunda kugirango murebe ibituva mu nda.

KOLETA : Ali ko rubanda mushishwa nabi. Kuki utabanje kuwo wantumyeho kandi uzi rero ko ntaho duhuliye, ukanyigimba ureba uko nsa, uzi ko abahungu bafite byinshi banyirukaho ali uruhuli.

RUDATSIKIRA : Jye se ndi hasi ku buryo nakwilinda kukuvugisha cyangwa kukwereka ko ngukunda? Nkunda umuntu ntacyo ampaye aliko uwo nkunda nanjye ankunze urumva ko naba mfite amahirwe.

KOLETA : Ukunda umuntu se mutareshya ? Ndabyumva n'Imana barayikunda aliko ibyo bayisabye byose si ko ibibaha.
None mugenzi ntabwo duhuje.
Niba unkunda walibeshye ubu buranga bwanjye burakurenze.

RUDATSIKIRA : (arakaye).
Sinumva neza uko wanyanga ? Ngo ube Imana mbe umutindi nuko ntangire kugusenga. Emera ngunsenge aliko se unkunde kuko urukundo ngufitiye nta muntu n'umwe narugilina uretse bwiza bw'amaliboli.

KOLETA : Aho ntabwo wumva kandi, umvuze uko ndi ntiwabimarayo none ninze dutere hamwe ! Ngaho nawe mbwira by'ukuli, uli umukobwa ukaba usa nanjye umuhungu wasanga yaba ameze ate ?

.../...

RUDATSIKIRA : Siniyise uwa mbere mu b'ingenzi kandi si ndi uwanyuma urebyumva. None ubwo nje kukwereka ko ngukunda ukaba ubyibonera ku maso ushobora kunyemera ubishatse.

KOLETA : Uzi uwo bita se Nsabumuremyi? Ni umuhungu uyu udahinyuka uretse ko ruzungu atayigotomera agakunda kwifata kinyarwanda.
Mu bahungu bo twavugana niwe nabonye aliko nkabyita amaburakindi nshobora kumwemerera tukabana.

RUDATSIKIRA : Nsabumuremyi se aransumba ? Kuba umusore w'umusilimu ndamurenze, ali mu nkera izi z'ikizungu, ali mu mudiho w'ubwo buryo, ali ukwifata mu gisilimu, ali mu kwifata n'abakobwa, uko mbavugisha n'uko mbasetsa, uretse ubungubu mfite agahinda, aho ndamurenze ntiyakoramo ! Mbega umuntu uzi kwibeshya ! Birantangaje kuba uli mwiza ukemera umuturage kuko yize cyangwa kuko afite amafaranga. Umuntu ukunda akazi byabuze urugero utakica ngo ngo mujye ku Gisenyi mu biruhuko ngo mujye i Kampala, ayo mahoteli muyavugururе, mubeho ruzungu ku buryo bwose, wamusanga ngo araguha iki ? Musange ujye ku nkono uteke urebe ubwo bwiza ko butayoka bukaguhindukira ubukarapfu.

KOLETA : Reka nze nkubwire aliko se unyumve. Ndi umukobwa nkaruta abandi, ngomba guhitamo umuhungu nshatse kandi nkunze uwo niwe uzanyegukana rwose. Naho wowe ntunkwiye. Uduhumbi tulindwi ufata haliya natugura se utuvuta kuguma koza ubu buranga ngo burarure abahungu bandilire ! Umva igendere maze utahe, ihene n'intama ntibihura.

RUDATSIKIRA : (ahaguruke agendagenda, aliko ababye cyane).
Koleta, Koleta turapfa iki rwose ? Mwana nakunze koko uranyanze ? Uvuze ko undenze ko utankunda, jye ntacyambuza kugukunda. Narakubonye undutira abandi, mbona mu bakobwa uli ilibagiza nkulikira ntifashe se mugenzi. Uburanga bwawe butagereranywa, ali bwo bugutera kubengerana maze ugukebutse agacika intege, bwanteye kuza nkugana none nkwemeje ko ngukunda wowe umpindanye urunuka, si no kunyanga uranennye. Mutima watashye uwanjye kera nkagukera nkagukenyerera, nkakora iyo bwabaga ngo unkunde, ntashye umutima wenda gusandara usalitswe n'urwango unyeretse rwose. Uko ngukunda ni jyewe ubizi nakoze uko nshoboye ngo ugire n'impuhwe

.../...

: none nsanze imbabazi waraziliye, gilira rwose umutima wanjye wenda kumenwa n'urukundo, umbwire ko unkunda wenda umbeshye aliko ntahane ikizere.
Mbwira se mpfukame ngusenge njye nkulirimba ijoro n'amanywa nk'uko bisanzwe simbiguhisha maze wenda unsekere na limwe.
Aho nagereye aha maliboli nakoze uko nshoboye ngo umwenyure aliko wabyiyamye; cyose nyamibwa, ubu ndatashye ntacyo umbwiye, ncyuye umubili umutima nguwo ntawo nkeneye unyitaje.

KOLETA : (arakaye)
Igendere rwose singukunda ahubwo n'ubu wagize Imana kubona umwanya umaranye nanjye.
Naho kugusekera birakomeye kuko guseka kwanjye birakurenze. Taha jyana umutima wawe ntabwo waharamba uwanjye.
Ngo barabasezeraho ra ! (ahamagare iwabo, baze, Rudatsikira abasezereho; ajyane na Rudatsikira aliko atali we aherekeje).

IGICE CYA IV : RUTIKANGA, NYINAWABANA:

NYINAWABANA : Cyose babyeyi, cyose biheko uyu mwana wanjye, aho ni mutaraga! (arebe Rutikanga). Niko ye, uliya muhungu simbonye agenda arakaye ? Aho se Koleta ntamubenze akaba amubwiye ko atamukwiye ? Ego mwana w'abazigaba koko ngo alimo gishegesha ntavura. Si gusa da halimo akarambaraye none se uliya si umwalimu ? Babyeyi babyaye aka ni agahano. Koko ntawe ubabara ngo arate.

RUTIKANGA : Ngaho da! ko wumva mwabyaye!! kandi ngo mwanabyaye n'abasilimu shenge. Nimusilimuke Rutikanga ntacyo nteze kuzabasaba.
Nzaguma niyanamire ku gahinga daaa!!!

NYINAWABANA : Ngabo ! Babona umukobwa abaye ikigoryi bati ni uwa nyina, ntibabonye abaye umwana uboneye bati mwana wanjye ngwino ndatwa.

RUTIKANGA : Mbabajwe n'amafaranga yanjye yapfuye ubusa ngo ndatangilira ayo maheru yawe. Naho nubona nguteye ku mwana wawe uzamenye ko Rutikanga umunsi wanjye wageze.
Kubunza ubwiza ubushye ubunza Bihogo byanjye byonsa iliza

NYINAWABANA : Aliko uzi ko muteta rwose. Harya ngo muli abakiristu da, mbese Imana yo ntifashwa ? Hoshi, urusha se iki abandi bakrisitu, hali utitabara iyo yatewe ? Erega wowe uracyateta kandi ibintu byageze iwa Ndabaga.

RUTIKANGA : Maze ubyaye nabi ntaburana n'ibyago. Ubwo ugiye guhinda ngo ni abazimu ? Ndakwiyamye nta bazimu nshaka iwanjye. Nubashaka ubajyane iwanyu.

NYINAWABANA (arakaye
Uti iki Rutika ? Harya ngo walize wize se iki ? Abarangije amashuli bo ntibibaliza. Nkanswe wowe wanyarutse ikigoroba none ugiye kubyisha igihugu. Abagabo b'ubu we ? Cyangwa ni ukugumira ibyawe naho nta bukiristu buli aho. Iyiba hali ku nzoga ho ntawahagutanga.

RUTIKANGA : Akaga kagwira abagabo Rwema wangabiye imbubura y'urwirungu abatindi barunga umushogoro. Cyose Nyinawaba ? Koko uko unzi mfate umukimbo ngo ngiye kuraguza ? Uwambona wenyine simpfa ngo n'Imana yabimenya yagira ngo iki ?

NYINAWABANA : Ubu urusha iki abandi Rutika ? Ubarusha iki koko ? Sinumva ngo n'abapadiri ubwabo bajyayo kandi nta rubyaro baba barengera. Koko ngo imfizi irabyara aliko ntivumera. Kutaba umugabo we !!! Aliko ntacyo bitwaye.

RUTIKANGA : (arakaye cyane)
Wa kagore we kulikira aliya maheru yawe muhambire maze mugende mumvire mu rugo. Haguruka se ibintu bitaraba nabi. Haguruka n'ubundi ngo urugo rwavuzemo umugore ruvuga umuhoro. Genda dore urashaka kurusenya Imana imbabalire aliko kandi inyumve. Ndetse inkize uyu mugore. Abagore muli amashitani reka mulinde no kuroha imbaga y'Imana. Mvira aha wa shitani we. Ngo njye kuraguza. Uragapfa uraguza ndi Umugesera.

NYINAWABANA : Ayiwe ! Uratunganye koko urantuka, Rutika ? Urakoze rwose ! Ubonye iryo jambo umbwiye! Urabimbwiye numva lirandiye nako mbese urakoze ! Hali umwana nazanye ? Genda wowe ujyana n'umwana wawe ? Ndagenda

.../...

nyine aho ntugirango abazigaba urupfu rwarabaliriye kubamara. Abanjye bose sinabaliye nushaka uceceke. Kandi sindasaza kuba nabura aho negama. Si iyi mpfumuke y'inda yanjye aho ntugirango kuyihahira byananira.

RUTIKANGA : Kenyera se mugore mwiza maze uhambire bitaraba nabi. Sinkunda mahane aliko ugumye kuncogonya twabonana.

NYINAWABANA : Ayi we we, ngenda njya he mbese! Nushaka wiyicire nzapfa rwaje uw'abazigaba. Umaze kunyunyuza imitsi none nkubwiye ngo upfire umwana wawe nabi ngo ningende, ntaho ngiye nushaka wiyicire.

RUTIKANGA : (asakuze)
Aha hategekwa nande? Aho ntugirango ni wowe washinze aka gahuru ? Ceceka niba wanze nkumene.

NYINAWABANA : Utangeza ahazamuka Rutika? Aho ntugirango nyobewe iyo abapfumu baba ? Ndaramuka nigirayo maze ukore icyo ushaka. Ndetse reka mvuge n'amasaka y'umukimbo maze ikibyimbye kimeneke.

RUTIKANGA : Abo bazimu urabajyane iwanyu naho njye ndi umukiristu ndabatije ku izina rya Patiri na Mwana na Roho Mutagatifu.

NYINAWABANA : Ati na Ruhu Mutagatifu; uwo ni umurengwe w'ikijumba cyanjye ukubungamo. Aho utaliye wajya muli izo misa zanyu murata.

RUTIKANGA : Wampa amahoro wa kagore we ! ! Murumva aho karojonjokewe. Nuva kuraguza ntungerukire hano kandi ntihagire ikintu unkulira mu rugo. Ibyo ujyana uzajye kubizana iwanyu.

NYINAWABANA : Aho ntugirango uhinga wenyine, urugo, urugo se ni urwawe wenyine. Turarufatanije, ni iwacu twembi.
Wabonye umugabo uba wenyine akubaka urugo rugatungana? None umaze kumpaga imitsi ngo amago yanjye. Aho uzi n'amafaranga ukorera ko abitse mu kabali ngaho uzajyeyo ubikure shenge. (Koleta yinjire afite ibaruwa mu ntoki).

IGICE CYA V: NYINAWABANA, RUTIKANGA, KOLETA

NYINAWABANA : Mbe muko, ko ndora useka ufite ako kabarwa mu ntoki aho ntikaba kakubwira amakuru meza? Wenda waba wabonye akazi mwana wanjye.

KOLETA : Harya sindakababwira ? Nsabumuremyi yankubise amaso ati "Urashaka se iki Zuba lituma duhunyeza"? Mubwira ko mvuye ahantu banyimye akazi none nkaba nje iwe. Ntabwo bakanyimye aliko bampaye akatankwiye.

RUTIKANGA : Aliko wa mukobwa we !!! Muzasya mvome da! Ubwo si ubwa kabili wanga akazi. Urashaka se agafite amasaro; cyangwa urashaka kuba indaya dore ko ababyeyi b'ubu alibyo/twabyaliye.

KOLETA : Dore mwambujije no kwisomera akabaruwa. Aliko ubundi si mwe mujya muvuga ngo ufite icyo abunza bwira aguze. Ntabwo nahingutse kwa Nsabumuremyi agahita ambwira ko muli iyi minsi nzajya gutangira akazi aliko uretse ayo manjwe bali bampaye yo gukorana n'abashenzi batagira cumi na limwe. Nizeye ko nzajya nkorana na Nsabumuremyi, gusa ndamubabaliye. Ashobora kujya yirirwa andeba mu maso akazi kakaba ako.
Cyangwa se abasumbye ku kazi bakamugilira ishyali babonye tuvugana cyane bikazamuviramo kumwirukana ku kazi.

NYINAWABANA : Mbe babyeyi, mbe bakobwa bakowe ! cyose ma! Uwaba NYirarunyonga we numva bavuga ngo wali umwami w'abagore yakwirata atyo! Muko urayoberanye mu mashyi no mu mudiho. Wagiye wicecekera mwana wanjye ko umuntu abona biza akakira.

KOLETA : Hali ibyo umuntu abona biza, n'ibyo umuntu avukana, nk'uburanga. None se nabwo nakwiririwa mbutegereza kandi mbufite ? Ahubwo ahasigaye ni ukubura/abatabuzi bakabumenyeraho.

RUTIKANGA : Utazi akaraye i Fumbwe araza ifu. Aho ntugirango umubili hali icyo mupfana ? Wabona ejo utengagulitse ugahinduka ibishingwe maze aho guhumura ukajya utuza boshye imbeba yaboreye mu rubaliro.

.../...

Nizeye ko ambwira ko yampfiliye. Ubu nizeye ko avuga ati :"Juru ryera umunsi wantashye ku mutima uko wateye ugutekereza byanteye ineza izanezeza ubuzima bwanjye bwose".
Ubu agomba kuba ambwira ko umulimo uteguwe. Aliko se ubundi nabura iki ndi Maliboli ? (yongere afate ka kabaruwa n'ibyishimo byinshi maze asome amerewe nabi cyane). Ayiwe data we ! wa mukonya nagirango yarambonye arandangalira none aramenyesha ko agiye gusaba Anamaliya wa wundi nabwiraga ko ali icyondi ko ali icyondo, aransumbye kwa Nsabumuremyi !

RUTIKANGA : Ngo iki ? Have se utabeshya Nsabumuremyi ntiyakwanga uli ihogoza !! Have wishinyagulira Anamariya. Yakundwa ate atali inzobe itamuye ? Wasomye nabi, ntuzi gusoma subiramo. Sinakubwiye ko ntacyo wize, dore urananirwa no kwirebera mu rwandiko !! Ibyiza usigaye ubihinduramo ibibi.

NYINAWABANA : Hora muko, wikwituka ngo witeshe uburanga. Hali umuhungu wagucaho se Bwiza ?

KOLETA : Bikira Mariya we ! Ngo n'akazi sinteze kukabona kubera ubwirasi. Ngize nte se Mana y'Isiraheli ? Koko Nsabumuremyi arampilikiye !! Ubu na babandi bamusumbye nagirango bazandwanira nta kundi ubu bantaye. Urwishigishiye ararusoma Nyagasani.

RUTIKANGA : (arakaye cyane)
Haguruka se mugore muzima mvira aha. Awi, sinashobora icyo cyigenge cyigize ikinaniramana. Bandanya yewe gira n'ingoga dore ndasohotse aliko singusange aha.

NYINAWABANA : Urareba umwana afite inkomyi none nawe ulirata gusa. Haguruka ujye kugeragereza umwana naho uwo mwirato ngo ni ubukiristu tumaze kuwuhaga. Wowe wabonye urugo rumeze nk'urwa abashumba. Wabonye urugo rutagira n'aho umuntu yajya kwambaliza ababyeyi !!
Si wowe si n'umukobwa wawe mwese muli amacinya. Wabonye upfa adapfunze umutwe Rutika ? Ntacyo bitwaye aliko nzigirayo.

RUTIKANGA : (arakaye cyane)
Kandi aka kagore si kazima. Yezu amfashe muli aya makuba rwose. Aliko Imana yakundinze wa macuho y'umugore we.

.../...

Annex. Appendix

(asohoke, Nyinawabana amukulikire nk'aho agiye kumutonganya).

IGICE CYA VI: KOLETA WENYINE, Arababaye cyane, amaso yatukuye aliko ntakilira.

KOLETA : (yicaye yubitse umutwe maze awubure)
Cyose bakobwa bakowe ubu mbigize nte ? Harya ngo aho umukobwa yishima niho abandi bamugaya ?
Bizabarwa na nde ko bizabarwa nanjye ubyiboneyeho.
Ngo ishyano ntilihanurwa n'umukuru nk'umuto walibonye.
Nabyirutse ndi umwitonzi, ntangira amashuli ndi umwana nk'abandi, ndangije amato njya muy'isumbuye ndi umuntu.
Nyamazemo iminsi nkotana nkumbura ibya ruzungu. Maze kuba igihindugembe ubwo nibwira ngo nzi ruzungu maze ndatangira ndibeshya nkajya nibwira ko nduta abandi.
None bakobwa dore urwo mbonye. Kuva ubwo ngubwo mbese nca ibintu nkabona umwirabura ntamuzi ahubwo nkumbuye uwera. Ngo sindangije ayo mashuli aliyo amviliyemo amashungwa ndishusha mba agashana nshaka abahungu ndashungura. None babyeyi dore urwo mbonye. Mbonye urw'imbwa yaboneye ku mugezi. Aya majyambere ya ruzungu twe abakobwa tutavanga na kamere Nyarwanda ngo turate ubwiza nk'Abanyarwanda azatugerenganya, nibilimba adutere kurenguka, nitujya kwiyibuka dusange abahungu twasuzuguraga baturenze. (ahaguruke, agendagende)
Aliko ubundi "Ndi mwiza yabujije umukobwa kuruha" ?
Umuhungu nisungagaga aranyeretse kandi nali ndambilije n'abamusumbye none se ubu nzabasunuka imbere.
Akanjye karashize mbaye igicibwa mbaye iciro ry'umugani mu bakobwa. Ababyeyi baranyanze akazi nashakaga karaligise mbuze byose nk'ingata imennye kandi mbiteshejwe n'uburanga. Data na mama bampana nanga koko umugani ndawemeye ubaye impamo, uwanze kumva yumva ali habi.
Najyaga nibwira ngo ndi ihoho none abahungu barahugutse ntibagihagurukira izuru ubu bihata umutima mwiza.
Aliko se ko aliwo utunga urugo !!! Kandi n'ubwo buranga ni ukwibeshya none ko Nsabumuremyi atabubonye ubwo ni buranga ki bwo kanyagwa ? N'abankundaga ni abirasi, basangaga nirata maze bakandatira ko duhuje.